# Bibiliya y'abana
irerekana

# Umukuru w'urusengero asura Yesu


yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yahujwe na: M. Maillot; Sarah S.



Story 41 of 60

**www.M1914.org**

***Bible for Children,*** *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*



Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.


Kinyarwanda



Abayobozi basaba ikimenyetso cyerekana ko afite uburenganzira bwo gusukura urusengero.

3



"Ni musenye uru rusengero nanjye nzarwubaka mu minsi itatu." uko niko Yesu yabasubije. Ndibishoboka! uru rusengero rwubatswe mu minsi mirongo ine n'itandatu.

4

Ariko Yesu urusengero yavugaga ni umubiri we. Kimwe nk'urusengero umubiri wa Yesu wari ubuturo bw'Imana. Nubwo yari agiye gupfira ku musaraba yari azi ko Imana izamuzura mu bapfuye ku munsi wa gatatu.



5



Mu ijoro, umwe mu batware b'abayuda asura Yesu. Yari azi Yesu ko yaturutse ku Mana kubwo ibitangaza yakoze. Nikodemu yaje kwa Yesu kugira ngo amenye iby'Imana.

6

Yesu abwira Nikodemu ko umuntu agomba kuvuka bwa kabiri kugira ngo abone ubwami bw'Imana. Nikodemu ntabwo yabyumvise neza. Ni gute umuntu ukuze yahinduka uruhinja? Kandi yari umwigisha. Ibyo birahagije?

7

"Ikibyarwa n'umwuka ni umwuka", byasobanuwe na Yesu. Umwuka w'Imana umeze nk'umuyaga. Abantu ntibareba cyangwa ngo bamenye umuyaga. Bareba gusa ibyo umuyaga wakoze.

8

Yesu yibutsa Nikodemu uburyo abana b'isirayeli bitotombeye Mose hashize igihe kirekire. Nta biryo dufite, nta mazi, ntidushaka umugati Imana yaduhaye. Uko niko bariraga.

9

Ibyaha by'abantu birakaza Imana. Ibohererezа inzoka zifite ubumara bwica. Inzoka zirabaruma. Benshi barapfa.

10



Twakoze ibyaha. Dusenge Imana idukize izi inzoka, abaturage baratakamba. Maze Mose arabasengera. Ariko Imana ntabwo yabakijije izo nzoka.

11

Imana isaba Mose gukora inzoka mu cuma akayimanika ku giti. "Umuntu wese uzarumwa n'inzoka akayireba azabaho." Imana irabibasezeranya. Mose akora inzoka mu muringa uyirebye wese agakira.

12



Yesu abwira Nikodemu ati: umwana w'Imana azamanikwa nk'inzoka y'umuringa. Yesu yavugaga umusaraba azapfiraho kubera ibyaha byacu.

13

Yesu avuga ati: "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinege ...

14










Umukuru w'urusengero asura Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yohana 2-3, Kubara 21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!